**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**
**GASABO**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2023, umunsi wa 28, ukwezi kwa Gashyantare**;**

Twebwe UMUBYEYI Francine, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashijwe n'umwanditsi warwo UWIRINGIYIMANA Dative ;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa **BASHIRWE Jean Damascene**, mwene RUBERANKIKO na NYIRABYANO, wavutse ku wa 01/01/1973, utuye mu Mudugudu wa Rutanga, Akagari ka Mwendo, Umurenge wa Gashora, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, ufite IN :119738001176179, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo **gukubita no gukomeretsa ku bushake**, icyaha giteganywa kandi kihanishwa n'ingingo ya 121 y'itegeko n0 68/2018 ryo kuwa 30/8/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nkuko ryahinduwe n'itegeko n⁰ 69/2019 ryo kuwa 8/11/2019;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 01417/IPRL GASA/2021/FM/DU kigeze mu Rukiko gihabwa nº RP 00619/2021/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 28/02/2023 saa mbiri za mu gitondo ariko **BASHIRWE Jean Damascene** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 y'iryo tegeko iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **BASHIRWE Jean Damascene** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **17/04/2023 saa tatu za mugitodo (9h00)**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari ;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa ku rubuga rw'Ubutegetsi bw'Ubucamanza (www.judiciary.gov.rw) no ku mbuga ngokoranyambaga z'Ubucamanza arizo:@RwandaJudiciary (tweeter) na Supreme Court of Rwanda (facebook).

| | |
|---|---|
| **UWIRINGIYIMANA Dative** | **UMUBYEYI Francine** |
| **UMWANDITSI** | **UMUCAMANZA** |